

**REPUBLIKA Y'U RWANDA**



**URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA**

**KUMENYESHA ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RC 00140/2020/TB/BWS**

Umunsi wa 27, ukwezi kwa Ukwakira, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri ;

Njyewe MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura;

Maze kubona ko urubanza RC 00140/2020/TB/BWS rwaciwe kuwa 27/04/2021, MUKANDAYISENGA Elisabeth mwene Munyanshongore Japhet na Nyirabahizi Debura wavutse 02/02/1985 utuye umudugudu wa Rurumbu, Akagari ka Rwariro, Umurenge wa Gitesi, Akarere ka Karong aregera ubutane bwa burundu akarega HITABATUMA Damascene mwene Mutemberezi Pascal na Mukabideri Annonciatte wavutse 1986, utuye umudugudu wa Kagari, Akagari ka Nyamiringa, Umurenge Gitesi, Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba, MUKANDAYISENGA Elisabeth adahari;

Maze kubona ko MUKANDAYISENGA Elisabeth agomba kumenyeshwa icyemezo cy'urukiko kuko yaburanye yari yarahamagajwe ahatazwi;

Nshingiye ku ngingo ya 46 n'iya 148, igika cya gatatu z'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

Menyesheje MUKANDAYISENGA Elisabeth ko urubanza rwaciwe mu buryo bukurikira:

Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na MUKANDAYISENGA Elisabeth gifite ishingiro;

Rwemeje ko ubutane MUKANDAYISENGA Elisabeth yasabye abuhawe;

Rutegetse ko umwana babyaranye Ishimwe Sedrick wavutse kuwa 08/12/2009 aguma kurerwa na nyina, akaba ariwe umumenya kuri buri kimwe cyose.

Rutegetse ko ubutaka bugaragazwa na jeto ifite no 1608 nta cyemezo rubufasheho, kuko nta kigaragaza ko ari umutungo wabo.

Rutegetse MUTABARUKA Edison gusubiza NYIRANSENGIMANA Perpetue igihembo cy'avoka wamwunganiye kingana na 500.000frws.

Rutegetse HITABATUMA Damascene gusubiza MUKANDAYISENGA Elisabeth, igarama ringana n'amafaranga ibihumbi 10.000frws yatanze aregera Urukiko.

MPORWIKI Jean Marie Vianney

